

# URUGENDO RWA MBERE NYOBOKAMANA RW’ABAKATESHISITI B’ABANYARWANDA I NAMUGONGO

KUVA KU WA 17-19 GICURASI 2023



# INTANGIRIRO

- Kuva ku wa 17 kugeza ku wa 19 Gicurasi 2023, mu rwego rwo kwizihiza bwa kabiri umunsi w'Umukateshisiti mu Rwanda, Inama Nkuru y'Abespisikopi Gatolika mu Rwanda ibinyujije muri Komisiyo yayo ishinzwe Kateshezi (BNC) yateguye urugendo nyobokamana rwerekeje i Namugongo muri Uganda.



# MU CYEREKEZO KIGANA I NAMUGONGO KAMPALA

- Bayobowe na Nyiricyubahiro Antoine Karidinali Kambanda, Arikiyepiskopi wa Kigali, abakateshishiti 98, abasaseridoti n'abakozi bashinzwe Kateshezi mu madiyosezi bitabiriye urwo rugendo rutazibagirana mu mitima ya benshi.
- Urwo rugendo rwari rugamije gukomeza ukwemera kw'abarwitabiriye bafatiye urugero ku buhamya bw'abahowe Imana b'i Buganda.




# BAGEZE I MUNYONYO

- Ahantu hambere basuye ni ahitwa Munyonyo. Aha hahoze ingoro y'umwami.
- Ni ahantu hibutsa abahasuye, urugendo rukomeye rugana ku ihorwa Imana kw'abakristu ba mbere b'Abaganda.
- I Munyonyo, Abakateshisiti bafashe umwana wo gutekereza ku mateka yaranze Ubugande mu gihe cy'abamaritiri.

# KU ISHUSHO IGARAGAZA AHICIWE Denis Ssebuggwawo Wasswa i Munyonyo



I Munyonyo hafatiwe n'ïfoto y'urwibutso.



# MURI KATEDARALI YITIRIWE MUTAGATIFU ANDEREYA KAGGWA

- Bakomeje urugendo berekeza kuri Katedarali yitiriwe Mutagatifu Andrea Kaggwa, wagizwe umuvugizi/umurinzi w'abakateshisite. Iyi Kiliziya ikaba ikimenyetso cy'ubukristu kigaragarira bose mu mujyi wa Kampala.







Bahakoreye isengesho banahimbaza Misa Ntagatifu, bahaherwa umugisha wayoboye urwo rugendo rwose.



# KUVA I MUNYONYO UGANA MENGO KISENYI

- Bavuye i Munyonyo, abakateshisite berekeje i Mengo Kisenyi ahanyuzwaga abakristu bagombaga kwicirwa i Namugongo. Aho i Mengo Kisenyi hiciwe Ponsiyani Ngondwe, atewe icumu na Mukajjanga.
- Iri tsinda ryaganirijwe bihagije na Padiri Mukuru wa Paruwasi ihubatse, ababwira amateka arambuye y’aho hantu. Ni na ho hiciwe Atanazi Bazzekuketa na Yozefu Balikuddembe Mukasa.

# ISURWA RY'AHICIWE YOHANI MARIYA MUZEEYI

Urugendo nyobokamana rwakomereje ahiciwe Yohani Mariya Muzeeyi, ahandi hantu habitse ubuhamya bukomeye bw'abamaritiri b'i Bugande.

Abitabiriye urugendo nyobokamana batangaririraga ubutwari n'ukwemera guhamye kwagaragajwe n'abaksristu ba mbere b'i Bugande. Benshi ibi byabateraga ishyaka ryo gukumera ku bukristu bwabo no kuyoboka uwo bemeye, Yezu Kristu.





# KURI PARUWASI YITIRIWE MUTAGATIFU MATIYASI MULUMBA

- Nyuma y'aho basuye Paruwasi yubatsemo Kiliziya yitiriwe Matiyasi Mulumba, umwe mu bakristu bahamye bo muri kiriya gihe.
- Ni we mumaritiri wahowe Imana akuze.

# IKIGANIRO CYATANZWE NA NYIRICYUBAHIRO KARIDINALI

- Mu gitondo cyakurikiyeho, abitabiriye urugendo nyobokamana bakurikiye ikiganiro cyatanzwe na Nyiricyubahiro Antoni Karidinali Kambanda ku buzima bw'abahowe Imana b'i Bugande.





# ABITABIRIYE URUGENDO NYOBOKAMANA MU KIGANIRO

- Ubwitonzi, gutega amatwi no gusiganuza ibyo batazi ku bahowe Imana b'i Bugande ni byo byaranze ikiganiro.
- Ikiganiro cyashojwe hifujwe ko agatabo k'abahowe Imana b'i Bugande kavugururwa kakongerwamo amakuru arushaho gufasha abasura i Namugongo n'ahandi hagaragara amateka y'abo bamaritiri.



# MU MISA I NAMUGONGO

- Ku gicamunsi, abitabiriye urugendo nyobokamana bagiye i Namugongo ahatwikiwe nyirizina abamaritiri b'i Buganede..
- Haturiwe igitambo kiyobowe na Karidinali akikijwe n'abapadiri bari baherekeje abakateshisite ndetse na bamwe baba kuri Katedarali ya Mutagatifu Karoli Lwanga.
- Nyuma ya misa baboneyeho gusura ibimenyetso byibutsa urugendo abamaritiri banyuze bagana aho batwikiwe.


ENTRY





Bashimye uburyo hashyizweho amashusho afasha abasura Namugongo kumenya no gusobanukirwa ubuzima, amateka n’imipfire y’abamaritiri.



Site ya Namugongo, ahahimbarizwa Misa yo kwizihiza umunsi mukuru w'abamaritiri b'i Bugande.

# KUGARUKA MU RWANDA

- Nyuma y'urwo rugendo rwakorwaga abarwitabiriye bacumbitse muri Foyer de Charite y'i Namugongo, mu gitondo cy'uwa 20 Mata 2023, hashize iminsi itatu biyubakamo imbaraga z'ukwemera n'ishyaka ryo gukorera uwabahanze akabatorera kubatuma, bafashe urugendo rubagarura mu Rwanda.
- N'umutima umwe kandi basingiza Imana mu mutuzo. Bishimiye uru rugendo kandi biyemeza kurukora nk'igikorwa ngarukamwaka bitewe n'akamaro rufitiye barukora.





# U M U S O Z O

- Urugendo rwa mbere rwakozwe n'abakateshisite bo mu Rwanda i Namugongo rwanyuze abarukoze ku mubiri no ku mutima.
- Mu gusura amasite menshi y'ahiciwe abamaritirino kumva ubuhamya bwabo, batashye bafite ishyaka n'umuhate wo gukomeza kwamamaza Kristu mu bantu.
- Uru rugendo nyobokamara rwakomeje guhamya umurage wasizwe n'abamaritiri b'i Bugande, aho umukristu nyawe asaba kwitanga kandi akaba yakwemera no guhara ubuzima bwe kubera ukuri kwa Kristu twagejejweho n'intumwa.